IJAMBO RYA NYAKUBAHWA MADAME Jeannette KAGAME MU GIKORWA CY'UMUGANDA NO GUTANGIZA INYIGISHO ZAGENEWE ABANA B'ABAKOBWA MURI GAHUNDA YA 12+

RULINDO, KU WA 29 UKWAKIRA 2016

Ba Nyakubahwa ba Minisitiri,

Nyakubahwa Guverineri w'Intara y'Amajyaruguru,

Ba Nyakubahwa Intumwa za Rubanda mwese muri hano,

Mayor w'Akarere ka Rulindo

Representative of DFID

Uhagarariye Girl Effect Rwanda

Babyeyi, bana bacu muri hano

Mwiriweho!

Nk'uko bisanzwe, mu mpera z'ukwezi duhurira mu gikorwa cy'umuganda, kigamije gushyira hamwe imbaraga tukubaka igihugu cyacu.

Uyu munsi rero, twifuje kwifatanya n'abatuye muri aka kagari ka Bugaragara, Umurenge wa Shyorongi, mu Karere ka Rulindo. Aho tumaze gutera ibiti, bizatuma abana biga kuri iri shuri rya Groupe Scolaire Shyorongi, n'abandi muri rusange, bahumeka umwuka mwiza, tukarinda ubutaka bwacu gutwarwa n'isuri aliko kandi ibiti byongera n'ubwiza bw'ahantu!

Uyu muganda uranzwe n'ibikorwa byinshi bigamije kurinda abana no kuzana impinduka y'abatuye hano ndetse n'igihugu muri

rusange. Nagira ngo mbashimire ubwitange, ishyaka n'ingufu buri wese yashyizemo.

Tariki 15 z'uku kwezi mu Karere ka Nyaruguru, twizihije umunsi mpuzamahanga w'umugore wo mu cyaro, umunsi mpuzamahanga w' umwana w' umukobwa, tunatangiza ubukangurambaga bw' umuryango. Birunvikana ko ibikorwa bigikomeje.

Uyu munsi, umuganda wacu tukaba twawuhuje no gutangiza umwaka wa 3 wa Gahunda yiswe **12+ NiNyampinga,** igenewe abana b'Abakobwa bafite imyaka 10 kugeza kuri 12.

Mu myaka ibiri iyi gahunda imaze, ibyiza imaze kugeza ku bana ndetse n'ababyeyi, birivugira.

Nagira ngo mumfashe dushimire, abana b'abakobwa twita **"Mentors"** ndetse n'**Abahuzabikorwa b'Uturere (District Supervisors)** badufasha mu guha ubumenyi aba bana.

Turashimira kandi Ikigega cy'iterambere cy'Abongereza **(DFID),** badutera inkunga ndetse na **Ministeri y'Ubuzima** na **Girl Effect Rwanda**, badufasha mu gushyiraho gahunda y'ubumenyi butandukanye, bugenerwa aba bana.

Mu izina rya Imbuto Foundation, sinakwibagirwa kandi gushimira imiryango **Caritas Rwanda** na **World Relief** dufatanya twese mu gushyira mu bikorwa iyi gahunda mu turere 30 twose tw'u Rwanda.

Mu gihugu cyose, dufite ahantu magana ane mirongo cyenda (**490)** hizewe, dukunze kwita **" Safe spaces**", mu Kinyarwanda ugenekereje wahita **"uruhongore";** aho hantu ni ho hateranira aba bana b'abakobwa buri mpera z'icyumweru (weekend gatherings).

Dufite kandi abakobwa bafite hagati y'imyaka 18 na 25 bagera ku **1,603,** bahuguwe, bavamo ba ***"Mentors"*** bigisha aba bana mu gihe **cy'amezi 10,** ndetse binarenga kuba abafashamyumvire bababera intangarugero " *role model*" aba bana bigiraho byinshi.

Mu Rwanda hose mu myaka ibiri (2) ishize abana b'abakobwa ibihumbi mirongo itanu na bibiri (52,000), bamaze gukora urugendo rwa ***NiNyampinga*** **(12+program)** kandi bungukiyemo byinshi bitandukanye bijyanye n'ubuzima bwabo, imibanire n'abandi ndetse no kwiteza imbere mu bukungu.

Umwaka ushize abana **80%** bitabiriye iyi gahunda, bagaragaje ko bakoze akarima k'igikoni iwabo, bakanagira n'uruhare mu kugira inama imiryango yabo, ku bijyanye n'imirire myiza. **63%** bayobotse umuco wo kuzigama naho **21 %** bari bamaze gufunguza za Konti, mu gihe **61%** bafite ibikorwa bito bibazanira inyungu.

Nta na rimwe umuntu aba muto kugira ngo agire icyo amarira umuryango. Aha natanga urugero rw'umwana witwa ***Vestine Nyiramahirwe*** wo mu Karere ka Musanze, wiga mu mwaka wa mbere w'Amashuri y'Uburezi bw'ibanze. Yifashishije akarima k'igikoni yatangiye ari muri uru rugendo, byatumye umuryango we ubu ugemurira imwe muri hoteli zaho, bityo bikawunganira mu buzima bwa buri munsi, kandi ntacyo bihungabanije ku myigire ye.

Iyo ubona 34% by'aba bana batinyuka kugana Ikigo Nderabuzima, biduha isomo ko, imfashanyigisho y'ubuzima bw'imyororokere mu mashuri, nimara gushyirwa mu bikorwa neza, abana bazajya batinyuka kujya kwa muganga kubaza icyo badasobanukiwe, cyangwa se kwivuza hakiri kare.

Ubuhamya bw'abana ndetse n'ababyeyi babo bwerekanye impinduka ikomeye yaturutse kuri iyi gahunda. Nagira ngo mumfashe dushimire Ubuyobozi bw'Uturere, kuko bugira uruhare mu ishyirwamubikorwa ry'iyi gahunda.

Hakenewe kandi kureba uko na basaza b'aba bana bagenerwa iyi gahunda. Ubwo Ministeri yazaturebera niba byashoboka, maze abana bose bakure bafite intego n'imyumvire imwe kandi isobanutse.

Bana bacu, kugira intego y'ubuzima bitangira kare!. Nk'ababyeyi, twifuza ko mwazavamo abana bafite icyerekezo, mukazavamo ababyeyi n'abayobozi bazima b'iki gihugu.

Sinasoza kandi ntashimiye ababyeyi, bareka abana babo bakitabira iyi gahunda, mbonereho no gusaba n'abandi bantu bose, gukomeza kuyishyigikira. Nagira ngo nsoze nongera gusaba ababyeyi, gukomeza gufashanya kubaka umuryango ubereye abana! Bakobwa bacu, mbifurije urugendo rwiza rwa ***NiNyampinga*** mutangiye maze muzavemo imbuto nziza zibereye u Rwanda.

Murakoze, Mugire Umunsi mwiza!